Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda gukoresha indyo igihe yambara inkweto, n'igihe iri gusokoza, n'igihe iri kwisukura, no muri gahunda zayo zose

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda gukoresha indyo igihe yambara inkweto, n'igihe iri gusokoza, n'igihe iri kwisukura, no muri gahunda zayo zose.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakundaga kubanza indyo mu bintu byose yabaga yubashye, bimwe muri byo: Nuko yaheraga ku kuguru kw'indyo iri kwambara inkweto, n'igihe iri gusokoza umusatsi wayo n'ubwanwa bwayo, iri no kubusiga amavuta, n'igihe iri gutawaza yaheraga ku ndyo igakurikizaho imoso haba ku maboko no ku maguru.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3018